
# Manzi azi kubara

## Amashuri y'inshuke





School Books Distributors

Umwanditsi: Denise NYINAWUMUNTU

Uwashushanyije: Jules MUTUGA

# Manzi azi kubara

## Amashuri y'inshuke




Umwanditsi: Denise NYINAWUMUNTU

Uwashushanyije: Jules MUTUGA

©School Books Distributors 2020

Abantu bose bahawe uburenganzira bukurikira kuri iki gitabo: kugisoma yaba mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa ku mpapuro, kugikura kuri murandasi, kugifotoza cyangwa kugicapisha mu mpapuro, kugihererekanya yaba ku mpapuro cyangwa ku mbuga z'ikoranabuhanga (iziriho cyangwa izizavumburwa nyuma) no kugihindura mu ndimi izo ari zo zose. Abagikoresha ntibemerewe kugicuruza cyangwa kukibyazamo amafaranga mu buryo ubwo ari bwo bwose, batabiherewe uburenganzira mu nyandiko n'abagitangaje.

www.sbdbooks.rw

**ISBN:** 978-99977-59-78-8


School Books Distributors




Manzi ni umunyeshuri mushya.
Ku ishuri ahafite inshuti yitwa Keza.




Gitego na Kariza na bo bigana na Manzi  iyo bamubonye bamwita nyamweru cyangwa umuzungu. Bagahora bamuseka.




Keza yasanze Gitego na Kariza baserereza Manzi arababwira ati: “Ntimukamwite umuzungu cyangwa nyamweru, yitwa Manzi.”




Keza abwira Manzi ati: “Ngwino tujye gukina twari twakubuze.”



Abana benshi bakunda gukina na Manzi umukino wo kwihishana, kuko abara neza kandi ntabibe.




Umunsi umwe, Gitego yaje gukina n'abandi bana. Bamusaba kubara kugira ngo batangire umukino. Arabara ati: "1, 2, 3, 4, 5, 6, 10."




Keza akibyumva ati: “Sinabyemera, Gitego yatwiba, ntabwo azi kubara.”




Gitego bahise bamukura mu mukino kuko atazi kubara, arababara cyane. Yibaza uko azamenya kubara.



Gitego ageze mu rugo, abwira nyina ati:
Twakinnye kwihishana, kubara birananira
ariko wa mwana witwa Manzi yabishoboye.




Bukeye Gitego yigira inama yo gusaba Manzi imbabazi, anamusaba ko yamwigisha kubara.




Manzi arishima; amwemerera kumwigisha kubara.





Batangira kwiga. Manzi afata uduti icumi aratubara. Aha Gitego utundi duti icumi ngo atubare ariko biramunanira.




Undi munsi biga kubara baca uturongo ku rupapuro.




Umunsi ukurikiyeho bize baca utuzeru ku rupapuro. Gitego arabara noneho arabishobora.



Bongeye gukina, Manzi abwira abandi bana ko Gitego yamenye kubara. Gitego arabara bajya kwihisha.



Bavuye kwihisha babwira Gitego bati: “Wabikoze neza, tuzajya dukina.” Gitego arishima, ashimira Manzi kuba yaramwigishije kubara.

Gitego yamenye kubara yigishijwe n'inshuti ye Manzi.

